	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR142I151v0
	IGICE CYA 4: UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO : Umuceri		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	Projet AFSR

Itariki inyandiko yasohokeyeho	Ukwakira 2007

Umubare w'amapagi	4

IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO *(semences certifiées)*

Umuceri *(Oryza sativa L.)*

Appui à la Filière Semencière du Rwanda

1. IGIHE UHINGIRWA

1.1. Akarere:

Umuceri uhingwa mu bishanga byo mu misozi miremire n'imigufi ku butumburuke bwa m1500 (Umutara, Bugarama, Bugesera, Mayaga, Rwamagana).



1.2. Ubutaka :

Ubutaka bw'ibumba, burebure, bworoshye, bufite ubusharire (buri hagati ya 6 na 7). Umuceri wihanganira amazi menshi kurusha ibindi bihingwa by'ibinyampeke.

1.3. Umurima uhingwamo:

- Nyuma yo gutera, urangwa n'icyapa cyanditseho : izina ry'imbuto, itariki utereweho, icyiciro cyano, ubuso bw'umurima, na nomero ziranga umuhinzi n'umurima.
- **Intera iwutandukanya n'indi mirima :** m 5 uvuye ku mirima urimo ayandi moko cyangwa ubwoko nkubwatewe ariko butarobanuwe.

2. UKO USIMBURANA N'IBINDI BIHINGWA

Umuceri ushobora gusimburana mu murima umwe inshuro nyinshi (umuceri wo mu mazi) ariko hagakorwa igenzura rihagije ry'indwara ndetse hagatoranywamo imbuto zitari izatewe, hagakoreshwa n'uburyo bwo guhinga buberanye n'icyo gihingwa. Ariko gusimburanya muceri wo mu mazi n'ibindi bihingwa birashoboka kandi biroroshye.

3. BIRANGA AMOKO ABONEKA MU RWANDA

UBWOKO	IBIBURANGA				
	Uko babwita mu Rwanda	Uburebure bw'urubuto	Igihe bwerere (Iminsi)	Umusaruro (toni kuri hegitari)	Ibindi biwuranga
Tox 4331 – Wat 86-3-4-2-2	Intsinzi	Umuremure	160	8,5- 9	Ntibugushwa n'umuyaga, Nibukunda kurwara Guhura biroroha; Uraryoha.

UBWOKO	IBIBURANGA				
	Uko babwita mu Rwanda	**Uburebure bw'urubuto**	**Igihe bwerere (Iminsi)**	**Umusaruro (toni kuri hegitari)**	**Ibindi biwuranga**
Tox 4331 Wat 91-3-1-1-1	Gakire	Umuremure	160	8-9	Ntibugushwa n'umuyaga, Nibukunda kurwara Guhura biroroha; Uraryoha.
Wat 1395B-24-2	Intsindagirabigega	Umuremure	160	8,5 - 9	
Basmati 370		Umuremure	160	2	Umusaruro muke ariko iyo utetse ugira impumuro nziza. Urahenze ugereranije n'ubundi bwoko bw'umuceri .
Facagro 441		Umuremure	160	8	Ntiburwara Pyriculariose ; Iyo utetse uraryoha ; Guhura biroroha.
Facagro 906		Umuremure	160	8	
Facagro 56		Umuremure	160	8	
Facagro 18		Umuremure	160	8	
Zhong geng		Umugufi	180	6	Bwera ahantu hose hashobora guhingwa umuceri
Yun keng		Umugufi	180	6	
Yun yin 4		Umugufi	170	5	
Yun yin 8		Umugufi	170	5	
Xinan 176		Umugufi	180	5	

4. UBURYO IMBUTO ZIHINGWA

4.1. Itera / Igemura bajya gutera ahandi

- Hakoreshejwe imbuto shingiro zo mumufungo umwe zabanje guterwamo umuti witwa Fongorène (g 3 ku kiro) , g 1 ya benomyl + g 1 ya Thiram ku kiro k'imbuto.
- Gutumbika imbuto mu mazi mu gihe cy'amasaha 24 mbere y'uko zihumbikwa muri pepiniyeri kugira ngo zimere vuba.
- Igihe cyo gutera : Kanama mu gihembwe A na Mutarama mu gihembwe B.
- Igipimo cy'imbuto : kg 5 – 7 kuri hegitari ; gutegura akarima k'ubuhumbikiro kimwe cy'icumi (1/10) cy'umurima wose bateganya gutera, gutera ku mirongo itandukanyijwe na cm 10.
- Gutegura umurima bavanga ibyondo n'amazi bagakuramo n'ibyatsi bibi byose.
- Gutera ingemwe mu murima zifite amababi 2 kuri cm 25 x cm 25, gushyira urugemwe rumwe mumwobo. Kubagara nyuma y'iminsi 7, na nyuma y'iminsi 10 mu gihe cy'ukwezi.
- Gushyira amazi mu murima ku bujyakuzimu bwa cm 1 mu gihe utegereje kwera.

4.2. Ifumbire no kurumbura umurima

- Gushyira kg 1 ya Ire kuri ari muri pepiniyeri.
- Gushyira mu murima ibiro 200 bya NPK 17-17-17 cyangwa ibiro100 bya DAP 18-46-0 mu gihe cyo gutera.
- Gushyira kg 50 za Ire kuri hegitari mugihe umuceri utangiye gushamika
- Gushyira kg 50 za Ire kuri hegitari mugihe cy'irabya.

4.3. Gukenura, kuvomerera no kuvanamo izindi mbuto zidakenewe

- Hari uburyo bubiri bwo kuvomerera umuceri : iminsi 2 mbere yo gutera mu murima, mu ntangiriro zo gushamika k'umuceri na mbere yo gupfundika ; gukura amazi mu murima iminsi 15 mbere yo gusarura.
- Kubagara nyuma y'ukwezi kwa mbere buri minsi 15-20.
- Kuvanamo izindi mbuzo ni ngombwa kugira ngo havanwemo izitandukanye n'igihingwa cyane cyane izifite indwara.

4.4. Igenzurwa ry'umurima

- **Kugenzura umurima** : Umuceri ufite ururabo kugira ngo hasuzumwe uko umurima watandukanyijwe n'iyindi no kugira ngo barebe ko udafite indwara y'uburima

(pyriculariose) ituma umuceri ubora.

- Igenzura rya 2 rikorwa igihe umuceri umaze kwera kugira ngo bamenye neza ibiranga ubwo bwoko no kumenya niba hari ndwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto.
- Ingero ngenderwaho ziteganywa : Ubundi bwoko butarengeje 2% (umuceri w'ubundi bwoko, imvange n'utemewe) na 2% by'umuceri ufite indwara y'uburima.

4.5. Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza

- Kurwanya indwara y'Uburima (Pyricularia oryzae) n'iy'Ubunini bw'ikirenga(Gigantisme) (Fusarium moniliforme) haterwa inshuro 3 ml 10 z'umuti wa kitazine kuri ari (litiro kuri hegitari) cyangwa Tricyclazole (Beam).
- Gutera umuti wa dimethoate inshuro 2 litilo 1,5 kuri hegitare (ml 15 muri litilo 15 z'amazi) , kugira ngo barwanye ibinyabwoya bitobora umuceri n'utundi dukoko twangiza umuceri.
- Gusukura impande zose z'umurima w'umuceri kugira ngo barwanye imbeba n'isazi zangiza umuceri.
- Kurinda inyoni mu gihe umuceri weze.

5. GUSARURA, GUHUNGIRA NO GUHUNIKA

- Isarura ry'umuceri rikorwa umaze kwera neza igihe 2/3 by'ihundo byeze; iyo umuceri umaze gupfundura amahundo babara iminsi 30 - 35 bakawusarura.
- Nyuma yo kuwuhura, uranikwa ugapimwa, hanyuma ugashyirwa mu mifuka. Imifuka iba yometseho ibyapa byanditseho ibi bikurikira : Izina ry'imbuto, igihe yerera, umusaruro, aho uhingwa, nomero y'umufungo w'imbuto, n'ibiro.
- Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.
- Kurwanya udukoko turya impeke bahungira, bakoresheje umuti wa Actellic 2%, g 2 mu kiro kimwe cy'imbuto.
- Iimifuka igomba kuba itondetse ku buryo ugenzura ashobora kuyigeraho yose.

6. IGIPIMO NGENDERWAHO CY'UBUZIRANENGE

Umufungo w'imbuto z'ibishyimbo bishingirirwa zifite icyemezo ugomba kuba wujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira :

- Ubwimerere bw'ubwoko ntibugomba kuba ku gipimo kiri munsi ya 98% ;
- Ubwimerere bw'igihingwa ntibugomba kujya munsi ya 98%
- Imbuto z'indobanure zishobora kumera, ntizigomba kujya munsi ya 75% ;
- Ubuhehere ntibugomba kuba hejuru ya 13% ;

7. IBIJYANYE N'UBUKUNGU

Igiciro cy'ibikorwa		Ingano	Igipimo	Igiciro kuri buri gipimo	Igiciro cyose
Abakozi		800	Umubyizi	500	400000
Imbuto		7	Ikiro	500	3500
Ifumbire mvaruganda					
	NPK 17.17.17	200	Ikiro	300	60000
	Ire	110	Ikiro	305	33550
Imiti					
	Diméthoate	3	Litilo	6000	18000
	Kitazine	3	Litilo	8500	25500
Igiciro cyose*(FRw/Ha)*					**540550**
Umusaruro					
Umusaruro ku mbuto *(FRw/Hegitari)*		6000	Ikiro	300	**1800000**
Inyungu*(FRw / hegitari)*					**1259450**
Igicuruzo *(FRw ku kilo)*					**90**

UMUCERI : Uko uhingwa

Umunsi

Guhitamo no gutegura umurima : utandukanwa n'ibindi bihingwa na m 5/Kurima:amasinde.

Aho imbuto zigurirwa : Imbuto shingiro zihungiye zigurirwa mu bigo byemewe cyangwa mu bikorera kugiti cyabo bemewe

FACAGRO 56
16/02/07
Ubwoko bwemejwe Hegitari 1
N° FAC/15/07B
N° imenyekanisha umuhinzi

1 — **Gutegura ubuhumbikiro** : Umurima w'ubuhumbikiro ungana na 1/10 cy'umurima bashaka gutera mo umuceri gushyiramo ikiro 1 cya Ire kuri ari umuceri utaramera, gushyira imbuto mu mazi mu masaha 24 mbere yo gutera. Gutera kumurongo (kg 5-7 z'imbuto kuri hegitari).



25 — **Kugemeka** : Gukora icyondo , gushyira kg 200 za NPK 17-17-17/ hegitari, ku ntera ya cm 25 x cm 25, urugemwe rumwe mu mwobo.



25-55 — **Kubagara** nyuma ya buri minsi 10

Kumenyekanisha igihingwa
Bitarenze ibyumweru 3 kuva igihe cy'itera mu ishami rya RADA rishinzwe igenzura n'ibyemezo (BP 538 Kigali)

55 — **Kubagara** Buri minsi 15 kugeza kuri 20

70 — **Kubagara mu gihe cyo guturika**: Kubagara no gushyiramo ifumbire ya ire kg 50 kuri hegitari; uburebure bw' ibihingwa nibura cm 30 -40

Kurwanya indwara n'udukoko:
Kurwanya indwara y'uburima na Gigantisme gutera umuti inshuro 3 z'umuti wa Kitazine ml 10 kuri ari (litiro kuri hegitari) cyangwa Tricyclazole (Beam)
Gutera umuti wa Dimethoate inshuro 2 litilo 1,5 kuri hegitari (ml 15 muri litilo 15 z'amazi), kugira ngo barwanye ibinyabwoya bitobora umuceri n'utundi dukoko twangiza umuceri.

Igenzurwa rya mbere kugira ngo hatangwe icyemezo

85 — **Gupfundika no gupfundura** : Kg 50 za ire kuri hegitare.

Igenzurwa rya kabiri kugira ngo hatangwe icyemezo

115 — **Iyera (imbuto zifite amata: iminsi 15, n'iminsi 30 nyuma yo kuma) :** Kuwurinda inyoni.

ICYAPA

Umuhinzi : …….
Imbuto ifite icyemezo y'umuceri / Ubwoko Facagro 56
Igihe yerera: iminsi 160 kugeza 180.
Umusaruro : Toni 8 kuri hegitari
Ibishanga byo mu misozi migufi n'imisozi iringaniye
N°7/07B/BUG/20/C
Itariki : ……..
Ibiro : 25 kg

160-180 — **Gusarura no guhura** : weze neza

Kuwutunganya no kuwonika : kwanika,kuwupima, kuwutera umuti wa Actellic 2% (g 2 ku kilo cy'imbuto) kuwupfunyika no gushyiraho icyapa cyiwuranga. Uzuza kandi wohereze uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.

Gukomeza gukuramo izindi mbuto kugeza weze